Rwanda Standards Board
ISO 9001 Certified

**Doc Number:** 2025/10/455
**Date:** 30-10-2025 11:44:36

**GUHAMAGARIRA ABABYIFUZA KWITABIRA AMAHUGURWA Y'UBURYO BW' IMIKORERE YIMAKAZA IHAME RY'UBURINGANIRE HASHINGIWE KU IBWIRIZA RY' UBUZIRANENGE *RS 560: 2023***

Ikigo cy'Igihugu Gitsura Ubuziranenge (RSB) cyateguye amahugurwa ku buryo bw'imikorere iboneye ifasha mu kwimakaza ihame ry'uburinganire hashingiye ku biteganywa n'ibwiriza ry'ubuzirangenge ***RS 560: 2023 Gender equality —Requirements for promotion, implementation and accountability***. Aya mahugurwa azamara iminsi itanu agamije ko abazayitabira bazasobanukirwa mu buryo bwimbitse ibikubiye muri iri bwiriza ry'ubuziranenge, bigomba kubahirizwa n'uburyo bwo kubishyira mu bikorwa kugira ngo turusheho kwimakaza uburinganire mu mikorere yacu ya buri munsi.

Ni muri urwo rwego RSB ihamagarira ibigo ndetse n'abikorera ku giti cyabo babyifuza kwiyandikisha basaba kwitabira aya mahugurwa azatangira kuwa **17 kugeza 21 Ugushyingo 2025**, akazabera mu karere ka Kicukiro mu mujyi wa Kigali.

Abiyandikisha buzuza ifishi y'ubusabe bwabo iboneka ku murongo https://forms.gle/iUMzANnu1zvwKnzY6 bitarenze tariki ya **6 Ugushyingo 2025**. Ibigo byifuza kwandikisha abakozi babyo bisabwa kuzuriza buri mukozi ifishi.

Ku byerekeranye n'ikiguzi cyo kwitabira aya mahugurwa ndetse n'ibindi bisobanuro mwahamagara MUKABAYIZERE Denyse Joy kuri telephone ngendanwa **+250788212673** cyangwa mukamwandikira kuri email **dj.mukabayizere@rsb.gov.rw.**

Signed By MURENZI Raymond
Director General
**Date :** 30-10-2025 11:44:36

**KK 15 Rd, 49 Kicukiro**
**Hotline: 3250**
**P.O.BOX 7099, Kigali-Rwanda**
**Email:** info@rsb.gov.rw
**Telephone: (+250)788303492**
**Website:** www.rsb.gov.rw